



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 05/01/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
05/01/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
05/01/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Minisitiri / Ministerial Order/Arrêté Ministériel

N° 001/MINEDUC/2023 ryo ku wa 04/01/2023	
Iteka rya Minisitiri rigena ibigenerwa abanyeshuri	2
N° 001/MINEDUC/2023 of 04/01/2023	
Ministerial Order determining benefits for learners	2
N° 001/MINEDUC/2023 du 04/01/2023	
Arrêté Ministériel déterminant les avantages alloués aux apprenants	2

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/MINEDUC/2023 RYO KU WA 04/01/2023 RIGENA IBIGENERWA ABANYESHURI <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'iri teka <u>Ingingo ya 4:</u> Ibigererwa umunyeshuri mu myigire n'umyigishirize <u>Ingingo ya 5:</u> Inyongera igenerwa umunyeshuri wigira kuba umwarimu w'umunyamwuga <u>UMUTWE WA II:</u> IGABURO KU MUNYESHURI MU MASHURI Y'UBUREZI BW'IBANZE BW'INYIGISHO RUSANGE, MBONEZAMWUGA N'IZ'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO	MINISTERIAL ORDER N° 001/MINEDUC/2023 OF 04/01/2023 DETERMINING BENEFITS FOR LEARNERS <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Scope of application <u>Article 4:</u> Benefits for a learner in learning and teaching <u>Article 5:</u> Additional benefit for a learner who is following training to become a professional teacher <u>CHAPTER II:</u> SCHOOL FEEDING FOR A LEARNER IN GENERAL, PROFESSIONAL, TECHNICAL AND VOCATIONAL BASIC EDUCATION INSTITUTIONS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINEDUC/2023 DU 04/01/2023 DÉTERMINANT LES AVANTAGES ALLOUÉS AUX APPRENANTS <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Champ d'application <u>Article 4 :</u> Avantages pour un apprenant dans l'apprentissage et l'enseignement <u>Article 5 :</u> Avantage additionnel pour un apprenant qui suit une formation pour devenir enseignant professionnel <u>CHAPITRE II :</u> ALIMENTATION SCOLAIRE POUR UN APPRENANT DANS LES ÉTABLISSEMENTS D'ENSEIGNEMENT GÉNÉRAL, PROFESSIONNEL, DE FORMATION TECHNIQUE ET PROFESSIONNELLE DE BASE
---	--	--

<u>Ingingo ya 6:</u> Kugaburira abanyeshuri ku ishuri <u>Ingingo ya 7:</u> Inkomoko y'amafaranga y'ifunguro rihabwa abanyeshuri ku ishuri <u>Ingingo ya 8:</u> Ibyitabwaho mu kugena uruhare rw'ababyeyi n'urwa Leta mu kugaburira abanyeshuri ku ishuri <u>UMUTWE WA III:</u> INGUZANYO YO KWIGA NA BURUSE <u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo zihuriweho <u>Ingingo ya 9:</u> Inkomoko y'amafaranga y'inguzanyo yo kwiga na buruse <u>Ingingo ya 10:</u> Ingengo y'imari igenewe inguzanyo yo kwiga na buruse <u>Ingingo ya 11:</u> Itangazwa ry'abahawe inguzanyo yo kwiga na buruse <u>Icyicro cya 2:</u> Inguzanyo yo kwiga <u>Ingingo ya 12:</u> Gutanga inguzanyo yo kwiga	<u>Article 6:</u> Feeding learners at the education institution <u>Article 7:</u> Source of funds for the meal taken by learners at the education institution <u>Article 8:</u> Considerations for determining the contribution of parents and Government in the feeding of learners at the education institution <u>CHAPTER III:</u> STUDY LOAN AND BURSARY <u>Section One:</u> Common provisions <u>Article 9:</u> Source of funds for study loan and bursary <u>Article 10:</u> Budget allocated to study loan and bursary <u>Article 11:</u> Publication of beneficiaries for study loan and bursary <u>Section 2:</u> Study loan <u>Article 12:</u> Granting study loan	<u>Article 6 :</u> Nourrir les apprenants à l'établissement d'enseignement <u>Article 7 :</u> Source de fonds pour le repas pris par les apprenants à l'établissement d'enseignement <u>Article 8 :</u> Considérations pour déterminer la contribution des parents et de l'État dans l'alimentation des apprenants à l'établissement d'enseignement <u>CHAPITRE III :</u> PRÊT D'ÉTUDES ET BOURSE <u>Section première :</u> Dispositions communes <u>Article 9 :</u> Source des fonds pour les prêts d'études et les bourses <u>Article 10 :</u> Budget alloué aux prêts d'études et aux bourses <u>Article 11 :</u> Publication des bénéficiaires de prêts d'études et de bourses <u>Section 2 :</u> Prêt d'études <u>Article 12 :</u> Octroi de prêt d'études
--	--	---

<u>Ingingo ya 13:</u> Ibishingirwaho mu kugena uhabwa inguzanyo yo kwiga	<u>Article 13:</u> Criteria for determining study loan beneficiary	<u>Article 13 :</u> Critères pour déterminer le bénéficiaire du prêt d'études
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibishobora gusabirwa inguzanyo yo kwiga	<u>Article 14:</u> Qualifying expenses for a study loan	<u>Article 14 :</u> Dépenses admissibles pour un prêt d'études
<u>Ingingo ya 15:</u> Isabwa ry'inguzanyo yo kwiga	<u>Article 15:</u> Application for study loan	<u>Article 15 :</u> Demande de prêt d'études
<u>Ingingo ya 16:</u> Uburenganzira bwo kujuririra	<u>Article 16:</u> Right to appeal	<u>Article 16 :</u> Droit de recours
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'uwahawe inguzanyo yo kwiga	<u>Article 17:</u> Obligations of a study loan beneficiary	<u>Article 17 :</u> Obligations du bénéficiaire du prêt d'études
<u>Ingingo ya 18:</u> Kwishyura inguzanyo yo kwiga	<u>Article 18:</u> Repayment of study loan	<u>Article 18 :</u> Remboursement du prêt d'études
<u>Ingingo ya 19:</u> Inyungu ku nguzanyo yo kwiga	<u>Article 19:</u> Interest applicable on the study loan	<u>Article 19 :</u> Intérêt sur le prêt d'études
<u>Ingingo ya 20:</u> Uburyo inguzanyo yo kwiga yishyurwa	<u>Article 20:</u> Modalities for study loan repayment	<u>Article 20 :</u> Modalités de remboursement du prêt d'études
<u>Ingingo ya 21:</u> Kwishyura ku mushahara	<u>Article 21:</u> Repayment from salary	<u>Article 21 :</u> Remboursement sur salaire
<u>Ingingo ya 22:</u> Kwishyura bikoze n'uwahawe inguzanyo	<u>Article 22:</u> Direct repayment by the loan beneficiary	<u>Article 22:</u> Remboursement direct par le bénéficiaire de prêt
<u>Ingingo ya 23:</u> Kwishyura ku bushake ku munyeshuri ucyiga	<u>Article 23:</u> Voluntary repayment by a learner	<u>Article 23 :</u> Remboursement volontaire par un apprenant

<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano y'umukoresha	<u>Article 24:</u> Obligation of the employer	<u>Article 24 :</u> Obligation de l'employeur
<u>Icyiciro cya 3:</u> Buruse	<u>Section 3:</u> Bursary	<u>Section 3 :</u> Bourse
<u>Ingingo ya 25:</u> Gutanga buruse	<u>Article 25:</u> Granting bursary	<u>Article 25 :</u> Octroi de la bourse
<u>Ingingo ya 26:</u> Kwishyura buruse	<u>Article 26:</u> Repayment of bursary	<u>Article 26 :</u> Remboursement de la bourse
<u>Icyiciro cya 4:</u> Ikigo cy'imari	<u>Section 4:</u> Financial institution	<u>Section 4 :</u> Institution financière
<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'ikigo cy'imari	<u>Article 27:</u> Responsibilities of the financial institution	<u>Article 27:</u> Attributions de l'institution financière
<u>Ingingo ya 28:</u> Uburenganzira bw'ikigo cy'imari	<u>Article 28:</u> Rights of the financial institution	<u>Article 28 :</u> Droits de l'institution financière
<u>Ingingo ya 29:</u> Amasezerano n'ikigo cy'imari	<u>Article 29:</u> Agreement with the financial institution	<u>Article 29 :</u> Contrat avec l'institution financière
<u>Ingingo ya 30:</u> Amafaranga y'ikiguzi cy'uburezi	<u>Article 30:</u> Fees for cost of education	<u>Article 30 :</u> Frais du coût de l'éducation
<u>Ingingo ya 31:</u> Amafaranga y'imibereho	<u>Article 31:</u> Living allowance	<u>Article 31 :</u> Frais de subsistance
<u>Ingingo ya 32:</u> Amafaranga y'ubushakashatsi, ay'urugendo n'andi agenerwa umunyeshuri	<u>Article 32:</u> Research, transport and other allowances	<u>Article 32 :</u> Frais de recherche, de transport et d'autres allocations
<u>Ingingo ya 33:</u> Ihagarikwa ry'inguzanyo yo kwiga na buruse	<u>Article 33:</u> Suspension of study loan and bursary	<u>Article 33 :</u> Arrêt du prêt d'études et de la bourse
<u>Ingingo ya 34:</u> Uburenganzira ku makuru	<u>Article 34:</u> Right to information	<u>Article 34 :</u> Droit à l'information

<u>Ingingo ya 35:</u> Inyandiko y’igenzura	<u>Article 35:</u> Inspection note	<u>Article 35 :</u> Note d’inspection
<u>Ingingo ya 36:</u> Inkurikizi yo kudakora imenyekanisha cyangwa kutishyura inguzanyo yo kwiga ku gihe	<u>Article 36:</u> Effects of failing to declare or to repay the study loan on time	<u>Article 36 :</u> Effets de non déclaration ou de non-paiement de prêt d’études à temps
<u>Ingingo ya 37:</u> Inyungu z’ubukererwe	<u>Article 37:</u> Late payment interests	<u>Article 37 :</u> Intérêts de retard
<u>Ingingo ya 38:</u> Gusiba inguzanyo yo kwiga	<u>Article 38:</u> Writing off a study loan	<u>Article 38 :</u> Radiation du prêt d’études
<u>Ingingo ya 39:</u> Amakosa yerekeranye n’inguzanyo yo kwiga n’ibihano byayo	<u>Article 39:</u> Faults and sanctions relating to the study loan	<u>Article 39 :</u> Fautes et sanctions relatives au prêt d’études
<u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZINYURANYE N’IZISOZA	<u>CHAPTER IV:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 40:</u> Kwishyura inguzanyo yo kwiga isanzweho	<u>Article 40:</u> Repayment of existing study loan	<u>Article 40 :</u> Remboursement de prêt d’études en cours
<u>Ingingo ya 41:</u> Uburyo budateganywa mu mategeko asanzweho	<u>Article 41:</u> Modalities not provided for in existing legislation	<u>Article 41 :</u> Modalités non prévues dans la législation existante
<u>Ingingo ya 42:</u> Ingingo y’ururimi	<u>Article 42:</u> Language provision	<u>Article 42 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 43:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 43:</u> Entry into force	<u>Article 43 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/01/2023

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/MINEDUC/2023 RYO KU WA 04/01/2023 RIGENA IBIGENERWA ABANYESHURI	MINISTERIAL ORDER N° 001/MINEDUC/2023 OF 04/01/2023 DETERMINING BENEFITS FOR LEARNERS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINEDUC/2023 DU 04/01/2023 DÉTERMINANT LES AVANTAGES ALLOUÉS AUX APPRENANTS
Minisitiri w'Uburezi;	The Minister of Education;	Le Ministre de l'Éducation ;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;
Ashingiye ku Itegeko n° 010/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigena imitunganyirize y'uburezi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 23, iya 25 n'iya 51;	Pursuant to Law n° 010/2021 of 16/02/2021 determining the organisation of education, especially in Articles 23, 25 and 51;	Vu la Loi n° 010/2021 du 16/02/2021 régissant l'organisation de l'enseignement, spécialement en ses articles 23, 25 et 51 ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/11/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 11/11/2022;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/11/2022;
ATEGETSE:	ORDERS:	ARRÊTE :
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté
Iri teka rigena ibigenerwa abanyeshuri n'inguzanyo yo kwiga hamwe n'imicungire yabyo.	This Order determines benefits for learners and study loan as well as their management.	Le présent arrêté détermine les avantages alloués aux apprenants et les prêts d'études ainsi que leur gestion.

<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u>	<u>Article 2: Interpretation</u>	<u>Article 2 : Interprétation</u>
Muri iri teka: (a) “buruse” bivuga amafaranga atishyurwa atangwa na Leta ibinyujije ku rwego rubishinzwe agenerwa umunyeshuri wiga mu Rwanda cyangwa mu mahanga hashingiwe kuri politiki y’Igihugu ibigenga; (b) “igaburo ku ishuri” bivuga ifunguro ritangirwa ku ishuri ry’uburezi bw’ibanze, ubw’inyigisho rusange n’ubw’imyuga n’ubumenyingingiro mu mashuri ya Leta n’ay’abafatanyaga na Leta ku bw’amasezerano; (c) “Ikigo” bivuga ikigo gifite amashuri makuru mu nshingano; (d) “ikigo cy’imari” bivuga ikigo cyangwa banki bigenwa na Leta kugira ngo bicunge inguzanyo yo kwiga na buruse ; (e) “inguzanyo yo kwiga” bivuga amafaranga Leta iguriza umunyeshuri kugira ngo yishyure ikiguzi cy’uburezi n’ibindi bimufasha kwiga mu mashuri makuru yo mu Rwanda cyangwa mu	In this Order: (a) “bursary” means a non-refundable amount disbursed by the Government through a relevant organ, to learners studying in Rwanda or abroad on the basis of the relevant national policy; (b) “school feeding” means a meal served at general, technical and vocational basic education in public and Government-subsidized schools; (c) “Institution” means the institution in charge of higher education; (d) “financial institution” means an institution or bank mandated by the Government to manage study loan and bursaries; (e) “study loan” means funds that the Government gives as a loan to a learner to pay the cost of education and related needs at the higher education level in Rwanda or abroad;	Dans le présent arrêté : (a) « bourse » signifie les frais non remboursables payés par l’État via un organe compétent, aux apprenants qui font leurs études au Rwanda ou à l’étranger sur la base de la politique nationale en la matière ; (b) « alimentation scolaire » signifie un repas servi dans les établissements publics et conventionnés, au niveau d’enseignement général, de formation technique et professionnel de base ; (c) « Institution » signifie l’institution ayant l’enseignement supérieur dans ses attributions ; (d) « institution financière » signifie une institution ou une banque mandatée par l’État pour gérer les prêts d’études et les bourses ; (e) « prêt d’études » signifie les fonds que l’État accorde sous forme de prêt à un apprenant pour payer le coût de l’éducation et les besoins connexes au niveau de l’enseignement supérieur au

Official Gazette n° Special of 05/01/2023

mahanga; (f) “Minisiteri” bivuga Minisiteri ifite uburezi mu nshingano; (g) “umwarimu” bivuga umukozi w’ikigo cy’ishuri ubifitiye ubumenyi ukora akazi ko kwigisha, ak’ubushakashatsi, ak’ubuyobozi bw’ishuri, ako kuyobora amasomo, cyangwa ako gukurikirana imyifatire n’imyitwarire by’abanyeshuri; (h) “umunyeshuri” akubiyemo umuntu wese wemerewe n’ishuri gukurikirana amasomo atangwa na ryo mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho; (i) “uwikorera” bivuga umuntu ukora ibikorwa bye bwite bimuhesha inyungu. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri teka</u> (1) Iri teka rireba abanyeshuri bo mu mashuri ya Leta n’ay’abafatanyana na Leta ku bw’amasezerano akurikira:	(f) “Ministry” means the Ministry in charge of education; (g) “teacher” means a qualified employee of an education institution who teaches, conducts research, heads an education institution, directs studies or monitors learners’ discipline and good conduct; (h) “learner” includes any person admitted in the education institution to attend lessons offered in that institution on permanent or temporary basis; (i) “self-employed worker” means a person who does his or her own activities for profit. <u>Article 3: Scope of application</u> (1) This Order applies to learners in the following public and Government-subsidized educational institutions:	Rwanda ou à l’étranger ; (f) “Ministère” signifie le Ministère ayant l’éducation dans ses attributions ; (g) “enseignant” signifie un employé qualifié d’un établissement d’enseignement qui fait le travail d’enseignement, de recherche, de direction de l’établissement d’enseignement, de direction d’études ou de contrôle de la discipline et de la bonne conduite des apprenants ; (h) “apprenant” comprend toute personne admise à l’établissement d’enseignement pour assister aux cours offerts dans cet établissement à titre permanent ou temporaire ; (i) « travailleur indépendant » signifie une personne qui fait ses propres activités dans un but lucratif. <u>Article 3 : Champ d’application</u> (1) Le présent arrêté s’applique aux apprenants dans les établissements d’enseignement publics et conventionnés suivants :
--	--	---

(a) amashuri y'incuke; (b) amashuri abanza; (c) amashuri yisumbuye y'inyigisho rusange n'ay'inyigisho mbonezamwuga; (d) amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro yo ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri; (e) amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro kuva ku rwego rwa gatatu kugeza ku rwego rwa gatanu; (f) n'amashuri makuru. (2) Iri teka rireba kandi abanyeshuri biga mu mashuri makuru yo mu mahanga ku birebana n'inguzanyo yo kwiga na buruse. <u>Ingingo ya 4: Ibigenerwa umunyeshuri mu myigire n'imyigishirize</u> (1) Leta igenera umunyeshuri ibi bikurikira:	(a) pre-primary schools; (b) primary schools; (c) general and professional education secondary schools; (d) technical and vocational schools at level one and level two; (e) technical and vocational schools from level three to level five; and (f) institutions of higher learning. (2) This Order applies also to learners studying in foreign higher learning institutions with respect to study loan and bursary are concerned. <u>Article 4: Benefits for a learner in learning and teaching</u> (1) The Government provides a learner with the following:	(a) les écoles préscolaires ; (b) les écoles primaires ; (c) les écoles secondaires d'enseignement général et d'enseignement de profession ; (d) les écoles de formation technique et professionnelle au premier et au deuxième niveau ; (e) les écoles de formation technique et professionnelle de niveau trois jusqu'au niveau cinq ; et (f) les institutions d'enseignement supérieur. (2) Le présent arrêté s'applique également aux apprenants qui étudient dans des établissements d'enseignement supérieur étrangers en ce qui concerne le prêt d'études et la bourse. <u>Article 4 : Avantages pour un apprenant dans l'apprentissage et l'enseignement</u> (1) L'État offre à un apprenant ce qui suit :
---	---	--

Official Gazette n° Special of 05/01/2023

(a) umwarimu; (b) aho yigira hujuje ibisabwa n'ibipimo ngenderwaho; (c) ibitabo bigezweho byo ku rwego n'icyiciro cy'inyigisho umunyeshuri arimo; (d) ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho; (e) ibikoresho bidashira n'ibishira bifasha mu kwiga umwuga; (f) ibikoresho n'uburyo bifasha umunyeshuri wiga amasomo yihariye; (g) ibimufasha mu gihe cy'imenyerezamwuga; (h) amafaranga ahabwa ishuri abarirwa ku munyeshuri; (i) ibindi byose byaba ngombwa byagenwa na Minisiteri.	(a) a teacher; (b) a learning environment fulfilling required standards; (c) relevant books adapted to the learner's level and cycle of education; (d) information and communication technologies equipment; (e) tools, equipment and consumables for professional training; (f) materials and means for a learner under special education; (g) facilitation during internship; (h) capitation grant; (i) any other essential needs determined by the Ministry.	(a) un enseignant ; (b) un environnement d'apprentissage répondant aux normes requises ; (c) des livres appropriés adaptés au niveau et au cycle d'enseignement de l'apprenant ; (d) de l'équipement pour les technologies de l'information et de la communication ; (e) de l'outillage et équipements, matériels et produits consommables de formation professionnelle ; (f) du matériel et moyens facilitant l'apprenant sous éducation spéciale ; (g) facilitation pendant le stage ; (h) subvention par capitation ; (i) tout autre besoin jugé utile déterminé par le Ministère.
--	--	--

(2) Haseguriwe ibivugwa mu gika cya (1)(a), (b) na (c) cy'iyi ngingo, iyo Leta yohereje umunyeshuri mu ishuri ryigenga imugenera nk'ibyo igenera umunyeshuri wiga mu ishuri rya Leta.	(2) Subject to provisions of Paragraph (1)(a), (b) and (c) of this Article, if the Government sends a learner in a private school provides him or her with benefits like a learner studying in public school.	(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1)(a), (b) et (c) du présent article, si le Gouvernement envoie un apprenant dans une école privée, il lui fournit les avantages comme un apprenant étudiant dans une école publique.
<u>Ingingo ya 5: Inyongera igenerwa umunyeshuri wigira kuba umwarimu w'umunyamwuga</u> (1) Umunyeshuri wigira kuba umwarimu w'umunyamwuga mu mashuri y'inyigisho rusange cyangwa ay'imyuga n'ubumenyingiro, Leta imugenera buruse ingana na 50% y'ikiguzi cy'uburezi gisabwa muri icyo cyiciro buri mwaka w'amashuri. (2) Umunyeshuri uvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, wahawe buruse, iyo arangije kwiga agomba gukora akazi k'ubwarimu nibura imyaka itatu mu mashuri ya Leta cyangwa ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano.	<u>Article 5: Additional benefit for a learner who is following training to become a professional teacher</u> (1) A learner who is following the training to become a professional teacher in educational institutions with general education and those of technical and vocational training, is granted by the Government a bursary equivalent to 50% of the total cost of study required for that cycle every school year. (2) The learner referred to in Paragraph (1) of this Article, who has been granted bursary, must teach for at least three years in public or Government-subsidized schools upon completion of his or her studies.	<u>Article 5 : Avantage additionnel pour un apprenant qui suit une formation pour devenir enseignant professionnel</u> (1) Un apprenant qui suit une formation pour devenir un enseignant professionnel dans les établissements d'enseignement général et ceux de formation technique et professionnelle reçoit de l'État une bourse équivalente à 50% du coût total d'études requis dans ce cycle, chaque année scolaire. (2) L'apprenant visé au paragraphe (1) du présent article, qui a obtenu une bourse, doit enseigner pendant au moins trois années dans les écoles publiques ou conventionnées après avoir terminé ses études.

UMUTWE WA II: IGABURO KU MUNYESHURI MU MASHURI Y'UBUREZI BW'IBANZE BW'INYIGISHO RUSANGE, MBONEZAMWUGA N'IZ'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO <u>Ingingo ya 6:</u> Kugaburira abanyeshuri ku ishuri Amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'amashuri y'imyuga n'ubumenyiringiro yo ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri n'ayo ku rwego rwa gatatu kugeza ku rwa gatanu, ategurira abanyeshuri bose ifunguro rifatirwa ku ishuri. <u>Ingingo ya 7:</u> Inkomoko y'amafaranga y'ifunguro rihabwa abanyeshuri ku ishuri (1) Amafaranga y'ifunguro rihabwa abanyeshuri ku ishuri akomoka aha hakurikira: (a) amafaranga atangwa n'ababyeyi agenwa n'inteko rusange y'ishuri igendeye ku mafaranga ntarengwa agenwa na Leta; (b) amafaranga atangwa na Leta mu	CHAPTER II: SCHOOL FEEDING FOR A LEARNER IN GENERAL, PROFESSIONAL, TECHNICAL AND VOCATIONAL BASIC EDUCATION INSTITUTIONS <u>Article 6:</u> Feeding learners at the education institution Pre-primary, primary and secondary schools and technical and vocational schools at level one and level two and those from level three to level five prepare for all learners a meal taken at school. <u>Article 7:</u> Source of funds for the meal taken by learners at the education institution (1) Funds for the meal taken by learners at the education institution come from: (a) parents' contribution determined by the school general assembly based on the maximum amount determined by the Government; (b) Government's contribution	CHAPITRE II : ALIMENTATION SCOLAIRE POUR UN APPRENANT DANS LES ÉTABLISSEMENTS D'ENSEIGNEMENT GÉNÉRAL, PROFESSIONNEL, DE FORMATION TECHNIQUE ET PROFESSIONNELLE DE BASE <u>Article 6 :</u> Nourrir les apprenants à l'établissement d'enseignement Les écoles préscolaires, primaires, et secondaires ainsi que les écoles de formation technique et professionnelle du premier et deuxième niveau et de troisième à cinquième niveau préparent pour tous les apprenants un repas pris à l'école. <u>Article 7 :</u> Source de fonds pour le repas pris par les apprenants à l'établissement d'enseignement (1) Les fonds pour le repas pris par les apprenants à l'établissement d'enseignement proviennent de : (a) la contribution des parents déterminée par l'assemblée générale sur base du plafond déterminé par le Gouvernement ; (b) la contribution du Gouvernement
---	--	--

mashuri ya Leta n'ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano. (2) Amafaranga avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo yunganirwa n'ibi bikurikira: (a) ibiribwa bitangwa n'ababyeyi batashoboye kubona amafaranga; (b) umusaruro uturuka ku buhinzi cyangwa ubworozi bikorwa n'ishuri; (c) amafaranga cyangwa izindi nkunga bitangwa n'abafatanyabikorwa bakorera ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Igihugu. <u>Ingingo ya 8:</u> Ibyitabwaho mu kugena uruhare rw'ababyeyi n'urwa Leta mu kugaburira abanyeshuri ku ishuri Mu kugena uruhare rw'ababyeyi n'urwa Leta mu kugaburira abanyeshuri ku ishuri Minisiteri yita kuri ibi bikurikira: (a) ingengo y'imari ya Leta yagenewe	granted to public and Government-subsidized schools. (2) The funds referred to in Paragraph (1) of this Article is supplemented by: (a) food provided by parents who have not been able to provide their contribution in cash; (b) agricultural and livestock production of the school; (c) funds or other subsidies from partners at District or national level. <u>Article 8:</u> Considerations for determining the contribution of parents and Government in the feeding of learners at the education institution In determining the contribution of parents and Government in the feeding of learners at the education institution, the Ministry considers the following criteria: (a) the State budget allocated to school	octroyée aux écoles publiques et conventionnées. (2) Les fonds mentionnés au paragraphe (1) du présent article sont complétés par : (a) les aliments fournis par les parents n'ayant pas pu donner leur contribution en argent ; (b) la production agricole ou d'élevage de l'école ; (c) les fonds ou d'autres subventions données par les partenaires au niveau du District ou national. <u>Article 8 :</u> Considérations pour déterminer la contribution des parents et de l'État dans l'alimentation des apprenants à l'établissement d'enseignement Pour déterminer la contribution des parents et de l'État dans l'alimentation des apprenants à l'établissement scolaire, le Ministère considère les critères suivants : (a) le budget de l'État alloué à
---	---	--

igaburo ku ishuri; (b) ibiciro by'ibiribwa, ku isoko, bikoreshwa mu igaburo ku ishuri; (c) ubushobozi bw'ababyeyi mu bijyanye n'ubukungu. UMUTWE WA III: INGUZANYO YO KWIGA NA BURUSE <u>Icyiciro cya mbere: Ingingo zihuriweho</u> <u>Ingingo ya 9: Inkomoko y'amafaranga y'inguzanyo yo kwiga na buruse</u> Amafaranga y'inguzanyo yo kwiga na buruse akomoka aha hakurikira: (a) ingengo y'imari ya Leta; (b) amafaranga yishyurwa n'abahawe inguzanyo yo kwiga; (c) inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa; (d) impano n'indagano.	feeding; (b) market prices of food products for school feeding; (c) parents' financial capacity. CHAPTER III: STUDY LOAN AND BURSARY <u>Section One: Common provisions</u> <u>Article 9: Source of funds for study loan and bursary</u> Funds for study loan and bursary come from the following sources: (a) State budget; (b) funds recovered from study loan beneficiaries; (c) State or partner subsidises; (d) donations and bequests.	l'alimentation scolaire ; (b) les prix des produits alimentaires, sur le marché, utilisés pour l'alimentation scolaire ; (c) la capacité financière des parents. CHAPITRE III : PRÊT D'ÉTUDES ET BOURSE <u>Section première : Dispositions communes</u> <u>Article 9 : Source des fonds pour les prêts d'études et les bourses</u> Les fonds des prêts d'études et des bourses proviennent des sources suivantes : (a) le budget de l'État ; (b) les fonds remboursés par les bénéficiaires du prêt d'études ; (c) les subventions de l'État ou des partenaires ; (d) les dons et les legs.
--	---	---

<u>Ingingo ya 10:</u> Ingengo y'imari igenewe inguzanyo yo kwiga na buruse (1) Buri mwaka w'amashuri makuru, Ikigo kigena amafaranga y'inguzanyo yo kwiga na buruse n'urutonde rw'ababihawe bigashyikirizwa ikigo cy'imari. (2) Amafanga y'inguzanyo yo kwiga na buruse ashirwa kuri konti yabigenewe icungwa n'ikigo cy'imari. (3) Amafanga ahabwa ikigo cy'imari, n'ayishyuzwa abahawe inguzanyo yo kwiga na buruse n'ay'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi, bikomeza kuba umutungo wa Leta uchungwa hashingiwe ku biteganywa n'amasezerano yakozwe hagati ya Minisiteri n'ikigo cy'imari.	<u>Article 10:</u> Budget allocated to study loan and bursary (1) Each academic year, the Institution determines funds for study loan and bursary together with the list of beneficiaries and submits them to the financial institution. (2) Funds for study loan and bursary are deposited on a relevant bank account managed by the financial institution. (3) The funds transferred to the financial institution, funds recovered from the beneficiaries of the study loans and bursary and administrative fines, remain the Government property which is accounted for pursuant to the agreement concluded between the Ministry and the financial institution.	<u>Article 10 :</u> Budget alloué aux prêts d'études et aux bourses (1) Chaque année académique, l'Institution détermine les fonds destinés aux prêts d'études et aux bourses ainsi que la liste des bénéficiaires et les transmet à l'institution financière. (2) Les fonds pour les prêts d'études et les bourses sont déposés sur un compte bancaire prévu à cet effet et géré par l'institution financière. (3) Les fonds transférés à l'institution financière, les fonds recouvrés auprès des bénéficiaires des prêts d'études et bourses et des amendes administratives restent le patrimoine de l'État, géré conformément aux dispositions du contrat conclu entre le Ministère et l'institution financière.
<u>Ingingo ya 11:</u> Itangazwa ry'abahawe inguzanyo yo kwiga na buruse (1) Ikigo gitangaza urutonde rw'abahawe n'urw'abatahawe inguzanyo yo kwiga, buruse cyangwa inguzanyo yo kwiga na buruse, n'ibyashingiweho.	<u>Article 11:</u> Publication of beneficiaries for study loan and bursary (1) The Institution publishes the list of beneficiaries and non-beneficiaries of study loan, bursary or study loan and bursary, and selection criteria.	<u>Article 11 :</u> Publication des bénéficiaires de prêts d'études et de bourses (1) L'Institution publie la liste des bénéficiaires et celle des non-bénéficiaires du prêt d'études, de la bourse ou du prêt d'études et de la bourse et les critères de sélection.

(2) Urutonde rw'abahawe inguzanyo yo kwiga, buruse cyangwa inguzanyo yo kwiga na buruse rugaragaza kandi ishuri rikuru yemerewe kwigamo, aho rihereye n'icyo agiye kwiga. (3) Urutonde rw'abahawe inguzanyo yo kwiga, buruse cyangwa inguzanyo yo kwiga na buruse rugaragaza ibyo umunyeshuri agenerwa nk'inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse, rushyikirizwa ikigo cy'imari kugira ngo hakorwe amasezerano hagati yacyo n'uwayihawe. <u>Icyiciro cya 2: Inguzanyo yo kwiga</u> <u>Ingingo ya 12: Gutanga inguzanyo yo kwiga</u> Leta, ibinyujije mu Kigo, ishobora guha umunyeshuri inguzanyo yo kwiga hagamijwe kumufasha kwiga mu ishuri rikuru rya Leta, iry'abafatanyaga na Leta ku bw'amasezerano cyangwa iryo mu mahanga, hashingiwe ku masezerano yakozwe hagati y'umunyeshuri n'ikigo cy'imari.	(2) The list of beneficiaries of study loan, bursary or study loan and bursary also indicates the institution of higher learning in which the beneficiary is enrolled, its location and the field of study. (3) The list of beneficiaries of study loan, bursary or study loan and bursary indicating the amount allocated as a study loan or a bursary to the beneficiary is submitted to the financial institution in order to sign an agreement with the beneficiary. <u>Section 2: Study loan</u> <u>Article 12: Granting study loan</u> The Government, through the Institution, may grant to a learner a study loan to enable him or her to pursue studies in a public, Government-subsidised or foreign higher learning institution, based on an agreement signed between the learner and the financial institution.	(2) La liste des bénéficiaires du prêt d'études, de la bourse ou du prêt d'études et de la bourse indique également l'établissement d'enseignement supérieur dans laquelle le bénéficiaire est inscrit, sa localisation et le domaine d'enseignement. (3) La liste des bénéficiaires du prêt d'études, de la bourse ou du prêt d'études et de la bourse indiquant le montant octroyé comme prêt d'études ou bourse est transmise à l'institution financière afin de signer un contrat avec le bénéficiaire. <u>Section 2 : Prêt d'études</u> <u>Article 12 : Octroi de prêt d'études</u> L'État, par l'intermédiaire de l'Institution, peut octroyer un prêt d'études à un apprenant pour lui permettre de poursuivre des études dans un établissement d'enseignement supérieur public, conventionné ou étranger, sur base d'un accord signé entre l'apprenant et l'institution financière.
--	--	--

<u>Ingingo ya 13: Ibishingirwaho mu kugena uhabwa inguzanyo yo kwiga</u> Mu kugena umunyeshuri uhabwa inguzanyo yo kwiga, Ikigo gishingira kuri ibi bikurikira: (a) kuba ari ku rutonde rw'abaziga mu ishuri rikuru rya Leta, iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano cyangwa iryo mu mahanga; (b) kuba yarujuje inyandiko isaba inguzanyo yo kwiga; (c) kuba afite amanota fatizo ashingirwaho mu gutanga inguzanyo yo kwiga muri uwo mwaka.	<u>Article 13: Criteria for determining study loan beneficiary</u> In determining a learner beneficiary of a study loan, the Institution considers the following criteria: (a) to be on the list of admitted learners in public, Government-subsidized or foreign institution of higher learning; (b) to have filled a study loan application form; (c) to have required marks as a basis to qualify for study loan for that year.	<u>Article 13 : Critères pour déterminer le bénéficiaire du prêt d'études</u> Pour déterminer un apprenant bénéficiaire du prêt d'études, l'Institution considère les critères suivants : (a) figurer sur la liste d'admission dans un établissement d'enseignement supérieur public, conventionné ou étranger ; (b) avoir rempli le formulaire de demande de prêt d'études ; (c) avoir la note requise comme base pour être admissible au prêt d'études pour cette année.
<u>Ingingo ya 14: Ibishobora gusabirwa inguzanyo yo kwiga</u> (1) Umunyeshuri wiga mu ishuri rikuru ryo mu Rwanda cyangwa mu mahanga ashobora gusaba inguzanyo yo kwiga kugira ngo yishyure ibi bikurikira: (a) amafaranga y'ishuri; (b) amafaranga y'imibereho;	<u>Article 14: Qualifying expenses for a study loan</u> (1) A learner studying in an institution of higher learning in Rwanda or abroad may apply for a study loan to cover the following: (a) tuition fees; (b) living expenses;	<u>Article 14 : Dépenses admissibles pour un prêt d'études</u> (1) Un apprenant qui poursuit ses études dans une institution d'enseignement supérieur au Rwanda ou à l'étranger peut demander un prêt d'études pour couvrir les dépenses suivantes : (a) les frais de scolarité ; (b) les frais de subsistance ;

(c) amafaranga amufasha mu gihe cy'ubushakashatsi ku wiga mu cyiciro cya kabiri cyangwa icya gatatu cy'amashuri makuru; (d) ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho bikenewe mu kwiga; (e) andi mafaranga yakenerwa mu kwiga ashobora kugenwa no kwemezwa n'Ikigo. (2) Icyakora, amafaranga y'urugendo, ay'imizigo y'inyongera, ay'ubwishingizi bw'indwara n'ay'ikindi cyihutirwa agenerwa uwahawe inguzanyo yo kwiga wiga mu kigo cy'amashuri makuru cyo mu mahanga ntiyishyurwa. <u>Ingingo ya 15: Isabwa ry'inguzanyo yo kwiga</u> (1) Buri mwaka w'amashuri makuru, Ikigo gitangaza amatariki yo gutangira no gusoza kwakira ubusabe bw'inguzanyo yo kwiga hamwe n'ibisabwa.	(c) research fees for a graduate or a postgraduate; (d) information and communication technologies materials necessary for learning; (e) any other academic expenses that may be determined and approved by the Institution. (2) However, transport fees, extra luggage fees, health insurance costs and any other emergency allocated to a loan beneficiary studying in a higher learning institution abroad, are not repaid. <u>Article 15: Application for study loan</u> (1) Each academic year, the Institution publishes the commencement and the ending dates for receiving applications for study loans and the requirements.	(c) les frais de recherche pour un apprenant du deuxième cycle ou celui du troisième cycle d'enseignement supérieur ; (d) du matériel pour les technologies de l'information et de la communication nécessaire pour l'apprentissage ; (e) toute autre dépense académique pouvant être déterminée et approuvée par l'Institution. (2) Toutefois, les frais de transport, des bagages supplémentaires, d'assurance maladie et d'autres frais d'urgence alloués à un bénéficiaire de prêt d'études poursuivant ses études dans un établissement d'enseignement supérieur à l'étranger, ne sont remboursables. <u>Article 15 : Demande de prêt d'études</u> (1) Chaque année académique, l'Institution publie les dates de début et de fin de réception des demandes de prêts d'études et les conditions requises.
---	--	---

(2) Umunyeshuri uri ku rutonde rw'abaziga mu ishuri rikuru rya Leta, iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano cyangwa iryo mu mahanga afite uburenganzira bwo gusaba Ikigo inguzanyo yo kwiga. Usaba yuzuza ifishi itangwa n'Ikigo.	(2) A learner on the list of admission in public, Government-subsidized or foreign institution of higher learning has a right to apply for a study loan from the Institution. The applicant fills in an application form provided by the Institution.	(2) Un apprenant figurant sur la liste d'admission dans un établissement d'enseignement public, conventionné ou étranger a le droit de demander un prêt d'études auprès de l'Institution. Le demandeur remplit un formulaire donné par l'Institution.
<u>Ingingo ya 16: Uburenganzira bwo kujuririra</u> (1) Uwasabye inguzanyo yo kwiga ntayihabwe afite uburenganzira bwo kujuririra icyo cyemezo ku Kigo mu gihe cy'iminsi 15 ngengaminsi uherye ku munsu urutonde rw'abahawe inguzanyo yo kwiga rwatangarijweho. (2) Ikigo gifata umwanzuro ku bujuriye bw'uwasabye inguzanyo yo kwiga ntayihabwe, kikawumenyesha uwajuriye mu gihe kitarenze iminsi 15 ngengaminsi uherye igihe cyakiriyeho ubujuriye.	<u>Article 16: Right to appeal</u> (1) The applicant whose application for a study loan was not granted has a right to appeal against the decision to the Institution within a period of 15 calendar days from the date of publication of the list of beneficiaries of the study loan. (2) The Institution decides on applicant's appeal whose study loan has not been granted and notifies the appellant within 15 calendar days from the day of receipt of the appeal.	<u>Article 16 : Droit de recours</u> (1) Le demandeur dont la demande de prêt d'études n'a pas été accordée a le droit d'introduire un recours auprès de l'Institution endéans 15 jours calendriers à partir du jour de la publication des bénéficiaires du prêt d'études. (2) L'Institution statue sur le recours d'un demandeur à qui le prêt d'études n'a pas été accordé et notifie la décision au requérant endéans 15 jours calendriers à partir du jour de la réception du recours.
<u>Ingingo ya 17: Inshingano z'uwahawe inguzanyo yo kwiga</u> Uwahawe inguzanyo yo kwiga afite inshingano zikurikira:	<u>Article 17: Obligations of a study loan beneficiary</u> The study loan beneficiary has the following obligations:	<u>Article 17 : Obligations du bénéficiaire du prêt d'études</u> Le bénéficiaire du prêt d'études a les obligations suivantes :

(a) gukoresha inguzanyo yo kwiga icyo yayisabiye; (b) kumenyesha ishuri rikuru, ikigo cy'imari n'Ikigo ko yahagaritse kwiga; (c) kumenyesha ikigo cy'imari ko afite akazi cyangwa yikorera no kugaragaza uburyo yifuza kwishyuramo; (d) kumenyesha umukoresha ko yize ku nguzanyo no gusaba gutangira kuyishyura mu minsi irindwi ashyizwe mu mwanya w'umurimo; (e) gushyikiriza umukoresha icyemezo kigaragaza ko yishyuye inguzanyo yo kwiga cyangwa atarayishyura gitangwa n'ikigo cy'imari; (f) kumenyesha, mu nyandiko, ikigo cy'imari aderesi ye, numero ya telefoni, imeyili, uburyo bwo kwishyura igihe ari ngombwa n'andi makuru ya ngombwa, mu gihe cy'imyaka ibiri uherye igihe amasomo yarangiriye.	(a) to use the study loan for its purpose; (b) to inform the institution of higher learning, the financial institution and the Institution about suspension of his or her studies; (c) to inform the financial institution that he or she is employed or a self-employed worker and indicate modalities of repayment; (d) to inform the employer that he or she studied on study loan and request to start repayment within seven days of his or her appointment in a job position; (e) to provide to the employer a study loan clearance certificate or a loan certificate delivered by the financial institution; (f) to inform in writing the financial institution of his or her address, telephone number, e-mail, modalities of repayment where applicable, and any other necessary information, within two years from the completion of studies.	(a) utiliser le prêt d'études aux fins de sa demande ; (b) informer l'établissement d'enseignement supérieur, l'institution financière et l'Institution de la suspension de ses études ; (c) informer l'institution financière qu'il est employé ou qu'il est travailleur indépendant et indiquer les modalités de remboursement ; (d) informer l'employeur qu'il a étudié sur prêt d'études et demander de commencer le remboursement endéans sept jours d'affectation dans un post d'emploi ; (e) fournir à l'employeur une attestation de non créance ou de créance de prêt d'études délivrée par l'institution financière ; (f) informer par écrit l'institution financière de son adresse, de son numéro de téléphone, de son courriel, des modalités de remboursement le cas échéant, et de toute autre information nécessaire, dans deux ans comptés à partir de la fin des études.
---	---	--

<u>Ingingo ya 18:</u> Kwishyura inguzanyo yo kwiga (1) Umunyeshuri wize mu ishuri rikuru rya Leta mu Rwanda yishyura inguzanyo yo kwiga yose yahawe. (2) Umunyeshuri wize mu ishuri rikuru ryigenga mu Rwanda cyangwa wize mu mahanga yishyura amafaranga y'inguzanyo yo kwiga angana n'ayishyurwa n'uwize mu ishuri rikuru rya Leta inyigisho ziri mu rwego rumwe, icyiciro kimwe no mu gihe kimwe, mu gihe amafaranga y'inguzanyo yo kwiga yahawe iruta ayishyurwa n'uwize mu ishuri rikuru rya Leta inyigisho ziri mu rwego rumwe, icyiciro kimwe no mu gihe kimwe.	<u>Article 18:</u> Repayment of study loan (1) A learner who pursued his or her studies in public institution of higher learning in Rwanda repays full study loan. (2) A learner who pursued studies in local private institution of higher learning or abroad repays study loan of an amount equivalent to the amount repaid by a learner who studied in a public institution of higher learning on programme of a similar category, cycle and in the same period, in case the amount of his or her study loan is more than the amount repaid by the learner who studied in the public institution of higher learning on programme of a similar category, cycle and in the same period.	<u>Article 18</u> : Remboursement du prêt d'études (1) Un apprenant qui a fait ses études dans un établissement d'enseignement supérieur public au Rwanda rembourse l'intégralité du prêt d'études. (2) Un apprenant qui a fait ses études dans un établissement supérieur privé local ou à l'étranger rembourse un montant de prêt d'études égal à celui remboursé par un apprenant qui a étudié, à l'institution d'enseignement supérieur de l'État, le programme de catégorie et cycle similaire et pendant la même période, dans le cas où le montant de son prêt d'études est supérieur à celui remboursé par l'apprenant qui a étudié, à l'institution d'enseignement supérieur de l'État, le programme de catégorie et cycle similaire et pendant la même période.
<u>Ingingo ya 19:</u> Inyungu ku nguzanyo yo kwiga (1) Uwahawe inguzanyo yo kwiga ayishyura hongeweho inyungu yoroshye ibarwa rimwe gusa ku mbumbe y'inguzanyo yahawe mu buryo bukurikira:	<u>Article 19:</u> Interest applicable on the study loan (1) A study loan beneficiary repays it with a simple interest calculated only once on the total loan amount received as follows:	<u>Article 19</u> : Intérêt sur le prêt d'études (1) Un bénéficiaire du prêt d'études le rembourse avec un intérêt simple calculé une seule fois sur la totalité du prêt reçu comme suit :

(a) 11% ku banyeshuri barangije mu cyiciro cya mbere cy'amashuri makuru; (b) 12% ku banyeshuri barangije mu cyiciro cya kabiri n'icya gatatu cy'amashuri makuru. (2) Inyungu ku nguzanyo ibarwa igihe cyo gusinya amasezerano y'inguzanyo. Icyakora, ingano ndakuka y'inyungu igaragawa n'ikigo cy'imari amasezerano y'inguzanyo arangiye. <u>Ingingo ya 20:</u> Uburyo inguzanyo yo kwiga yishyurwa Uwahawe inguzanyo yo kwiga ayishyura mu buryo bukurikira: (a) kuvanwa ku mushahara w'umukozi bikoze n'umukoresha; (b) kwishyurwa n'uwayihawe ubwe; (c) kwishyurwa ku bushake n'umunyeshuri ucyiga.	(a) 11% for undergraduate students; (b) 12% for graduate and postgraduate students. (2) Interest on study loan is calculated during the signing of study loan agreement. However, the final total amount of interest is determined by the financial institution at the end of the agreement. <u>Article 20:</u> Modalities for study loan repayment The study loan beneficiary repays it as follows: (a) deduction from the employee's salary by the employer; (b) direct repayment by the beneficiary; (c) voluntary repayment by a learner during studies.	(a) 11% pour les étudiants du premier cycle d'enseignement supérieur ; (b) 12% pour les étudiants du deuxième et troisième cycle d'enseignement supérieur. (2) L' intérêt est calculé au moment de la signature du contrat de prêt d'études. Toutefois, le montant total d'intérêt est déterminé par l'institution financière à la fin du contrat. <u>Article 20 :</u> Modalités de remboursement du prêt d'études Le bénéficiaire du prêt d'études le rembourse de la manière suivante : (a) la retenue sur le salaire de l'employé par l'employeur ; (b) le paiement direct par le bénéficiaire ; (c) le remboursement volontaire par un apprenant pendant les études.
--	---	---

<u>Ingingo ya 21: Kwishyura ku mushahara</u> (1) Umukoresha yishyura inguzanyo yo kwiga y’umukozi akura 8% ku mushahara mbumbe w’umukozi buri kwezi, uhereye igihe umukozi yashyiriwe mu mwanya. (2) Icyakora, uwahawe inguzanyo wifuza kwishyura amafaranga arenze 8% ku mushahara mbumbe, agirana amasezerano y’ubwishyu n’ikigo cy’imari.	<u>Article 21: Repayment from salary</u> (1) An employer repays the employee’s study loan by deducting 8% of his or her monthly gross salary, from the time the employee was appointed. (2) However, study loan beneficiary willing to repay more than 8% of his or her monthly gross salary, signs a payment contract with financial institution.	<u>Article 21 : Remboursement sur salaire</u> (1) L’employeur paie le prêt d’études de l’employé par retenue de 8% de son salaire brut mensuel, à compter de la nomination de l’employé. (2) Toutefois, le bénéficiaire d’un prêt étude qui souhaite rembourser plus de 8% de son salaire mensuel brut, signe un contrat de paiement avec l’institution financière.
<u>Ingingo ya 22: Kwishyura bikozwe n’uwahawe inguzanyo</u> (1) Iyo uwahawe inguzanyo yikorera cyangwa akorera mu mahanga, cyangwa akorana n’ibigo by’ububanyi n’amahanga bikorera mu Rwanda, ayishyura akurikije gahunda zikurikira nyuma yo kugirana n’ikigo cy’imari amasezerano ya gahunda yo kwishyura: (a) ku nguzanyo itarengeje 2.500.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka ibiri, kandi ubwishyu bushobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri	<u>Article 22: Direct repayment by the loan beneficiary</u> (1) If a loan beneficiary is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda, he or she repays the loan according to following arrangements after signing repayment commitment plan with the financial institution: (a) for loan amount not exceeding FRW 2,500,000, the repayment duration cannot exceed two years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments;	<u>Article 22 : Remboursement direct par le bénéficiaire de prêt</u> (1) Lorsque le bénéficiaire du prêt est un travailleur indépendant ou travaille à l’étranger, ou travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda, il rembourse le prêt conformément aux dispositions suivantes après avoir signé un plan d’engagement de remboursement avec l’institution financière : (a) pour un prêt d’un montant inférieur ou égal à 2.500.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder deux ans, et le remboursement peut être effectué

gihembwe;		par mensualités ou trimestriellement ;
(b) ku nguzanyo yo kuva ku 2.500.001 FRW kugeza ku 5.000.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka itatu, kandi kwishyura bishobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe;	(b) for loan amount ranging from FRW 2,500,001 to FRW 5,000,000, the repayment duration cannot exceed three years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments;	(b) pour un prêt d'un montant allant de 2.500.001 FRW à 5.000.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder trois ans, et le remboursement peut être effectué par mensualités ou trimestriellement;
(c) ku nguzanyo yo kuva ku 5.000.001 FRW kugeza ku 7.500.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka itanu, kandi ubwishyu bushobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe;	(c) for loan amount ranging from FRW 5,000,001 to FRW 7,500,000, the repayment duration cannot exceed five years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments;	(c) pour un prêt d'un montant allant de 5.000.001 FRW à 7.500.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder cinq ans, et le remboursement peut être effectué par mensualités ou trimestriellement ;
(d) ku nguzanyo yo kuva ku 7.500.001 FRW kugeza ku 10.000.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka itandatu, kandi ubwishyu bushobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe;	(d) for loan amount ranging from FRW 7,500,001 to 10,000,000, the repayment duration cannot exceed six years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments;	(d) pour un prêt d'un montant allant de 7.500.001 FRW à 10.000.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder six ans, et le remboursement peut être effectué par mensualités ou trimestriellement ;
(e) ku nguzanyo yo kuva ku 10.000.001 FRW kugeza ku 15.000.000 FRW igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka irindwi, kandi ubwishyu	(e) for loan amount ranging from FRW 10,000,001 to FRW 15,000,000, the repayment duration cannot exceed seven years, and repayment may be done	(e) pour un prêt d'un montant allant de 10.000.001 FRW à 15.000.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder sept ans, et le remboursement peut être effectué

bushobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe; (f) ku nguzanyo yo kuva ku 15.000.001 FRW kugeza ku 18.000.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka umunani, kandi kwishyura bishobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe; (g) ku nguzanyo ya arenze 18.000.000 FRW, igihe cyo kwishyura ntigishobora kurenza imyaka icumi, kandi ubwishyu bushobora gukorwa buri kwezi cyangwa buri gihembwe. (2) Uwahawe inguzanyo ashobora guhitamo kuyishyurira rimwe cyangwa kwishyura mu byiciro. (3) Ku bw'impamvu zihariye, ikigo cy'imari gishobora kugirana n'uwahawe inguzanyo wikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi n'amahanga bikorera mu Rwanda ibiganiro birebana n'uburyo bwo kwishyura inguzanyo.	on monthly or quarterly instalments; (f) for loan amount ranging from FRW 15,000,001 to FRW 18,000,000 the repayment duration cannot exceed eight years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments; (g) for loan amount exceeding FRW 18,000,000, the repayment duration cannot exceed ten years, and repayment may be done on monthly or quarterly instalments. (2) The loan beneficiary may decide to repay the loan once or in instalments. (3) In exceptional cases, the financial institution may negotiate loan repayment modalities with a loan beneficiary who is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda.	par mensualités ou trimestriellement ; (f) pour un prêt d'un montant allant de 15.000.001 FRW à 18.000.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder huit ans, et le remboursement peut être effectué par mensualités ou trimestriellement ; (g) pour un prêt d'un montant supérieur à 18.000.000 FRW, la durée de remboursement ne peut pas excéder dix ans, et le remboursement peut être effectué par mensualités ou trimestriellement. (2) Le bénéficiaire de prêt d'études peut rembourser la totalité du prêt en une seule fois ou par tranches. (3) Dans les cas exceptionnels, l'institution financière peut négocier, avec le bénéficiaire du prêt qui est un travailleur indépendant ou qui travaille à l'étranger, ou qui travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda, sur les modalités de remboursement.
--	--	---

<u>Ingingo ya 23: Kwishyura ku bushake ku munyeshuri ucyiga</u> (1) Umunyeshuri ucyiga ushaka gutangira kwishyura inguzanyo yo kwiga yumvikana n'ikigo cy'imari uburyo yishyura. (2) Kwishyura k'umunyeshuri ucyiga ntibihagarika gukomeza guhabwa inguzanyo yo kwiga, keretse iyo abyumvikanyeho n'ikigo cy'imari.	<u>Article 23: Voluntary repayment by a learner</u> (1) A learner who wants to start repaying his or her study loan while still studying agrees with the financial institution on repayment arrangements. (2) Study loan repayment by a learner still studying does not stop his or her study loan unless agreed with the financial institution.	<u>Article 23 : Remboursement volontaire par un apprenant</u> (1) Un apprenant qui veut commencer à rembourser son prêt d'études tout en poursuivant ses études convient avec l'institution financière sur les modalités de remboursement. (2) Le remboursement du prêt d'études par un apprenant qui poursuit encore ses études ne met pas fin à son prêt d'études, sauf accord avec l'institution financière.
<u>Ingingo ya 24: Inshingano y'umukoresha</u> (1) Umukoresha amenyesha ikigo cy'imari akoresheje inyandiko yabugenewe umukozi washyizwe mu mwanya wahawe inguzanyo yo kwiga, mu gihe kitarenze iminsi 15 y'akazi uhereye ku munsu umukozi mushya yashyiriwe mu mwanya. (2) Umukoresha amenyesha ikigo cy'imari abakozi bishyuye inguzanyo yo kwiga ku mushahara bitarenze ku munsu wa cumi na gatanu w'ukwezi gukurikiyeho, kandi muri icyo gihe agomba kuba yagejeje amafaranga y'inguzanyo yo kwiga yishyurwe kuri	<u>Article 24: Obligation of the employer</u> (1) The employer declares to the financial institution, within a period of 15 days from the date of appointment of the employee, the new appointed employee who has benefited from study loan by using a prescribed declaration form. (2) The employer declares to the financial institution the employees who paid their study loan on salary not later than the fifteenth day of the following month and at that time, the employer must have transferred the study loan amount repaid to the designated	<u>Article 24 : Obligation de l'employeur</u> (1) L'employeur déclare à l'institution financière le nouvel employé ayant bénéficié d'un prêt d'études, endéans 15 jours ouvrables à partir de la date de sa nomination, en utilisant un formulaire de déclaration prescrit. (2) L'employeur déclare à l'institution financière les employés qui ont payé leur prêt d'études sur salaire au plus tard le quinzième jour du mois suivant et à ce moment-là, il doit avoir viré le montant du prêt d'études remboursé au compte désigné de l'institution

konti yabigenewe y'ikigo cy'imari.	account of the financial institution.	financière.
<u>Icyiciro cya 3: Buruse</u>	<u>Section 3: Bursary</u>	<u>Section 3 : Bourse</u>
<u>Ingingo ya 25: Gutanga buruse</u>	<u>Article 25: Granting bursary</u>	<u>Article 25 : Octroi de la bourse</u>
(1) Gutanga buruse bishingira ku ngengo y'imari yagenwe buri mwaka w'amashuri.	(1) Bursary is granted based on the budget allocated each academic year.	(1) L'octroi de la bourse est basé sur le budget disponible chaque année académique.
(2) Gutanga buruse kandi bishingira kuri ibi bikurikira:	(2) Granting bursary is also based on the following criteria:	(2) L'octroi de la bourse est également basé sur les critères suivants :
(a) kurusha abandi amanota mu kizamini cya Leta;	(a) to be the best performer in national examination;	(a) être plus performant à l'examen national ;
(b) amasomo akenewe n'amanota asabwa;	(b) priority courses and marks required;	(b) les domaines d'enseignement prioritaires et les notes exigées ;
(c) kwemererwa umwanya n'ishuri rikuru;	(c) admission by an institution of higher learning;	(c) l'admission par une institution d'enseignement supérieur ;
(d) kwemererwa umwanya mu ishuri ryisumbuye ryo mu Rwanda cyangwa ryo mu mahanga kubera impamvu zihariye;	(d) being admitted in a secondary school in Rwanda or abroad for exceptional cases;	(d) être admis dans une école secondaire au Rwanda ou à l'étranger pour des cas exceptionnels ;
(e) gutsinda ikizamini cy'ijonjora iyo gisabwa;	(e) to pass the selection test when required;	(e) réussir le test de sélection, lorsqu'il est exigé ;
(f) kugira impano yihariye no kwemererwa kwiga ibijyanye na	(f) to have a special talent and be admitted to pursue related studies;	(f) avoir un talent spécial et être admis à poursuivre les études y relatives ;

yo; (g) kuba umunyeshuri yarahanze agashya; (h) kuzuza ibisabwa kuri buruse yo mu rwego rw'ubutwererane; (i) indi mpamvu yagenwa n'urwego rubifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 26: Kwishyura buruse</u> Iyo uwahawe buruse atubahirije amasezerano yagiranye n'ikigo cy'imari, buruse yahawe ihinduka inguzanyo yo kwiga yishyurwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka. Icyakora, iyo uwahawe buruse yubahirije amasezerano, ntayishyura. <u>Icyiciro cya 4: Ikigo cy'imari</u> <u>Ingingo ya 27: Inshingano z'ikigo cy'imari</u> Ikigo cy'imari gifite inshingano zikurikira: (a) gucunga inguzanyo zo kwiga na buruse;	(g) to be innovative; (h) to fulfil conditions required for cooperation bursary; (i) other criterion that the competent authority may determine. <u>Article 26: Repayment of bursary</u> When the bursary beneficiary does not comply with the agreement signed with the financial institution, the bursary becomes a study loan repayable in accordance with the provisions of this Order. However, when the bursary beneficiary complies with the agreement, he or she does not repay it. <u>Section 4: Financial institution</u> <u>Article 27: Responsibilities of the financial institution</u> The financial institution has the following responsibilities: (a) to manage study loans and bursaries;	(g) être innovateur ; (h) remplir les conditions requises pour une bourse de coopération ; (i) un autre critère que l'autorité compétente peut déterminer. <u>Article 26 : Remboursement de la bourse</u> Lorsque le bénéficiaire de la bourse ne respecte pas le contrat conclu avec l'institution financière, sa bourse est commuée en prêt d'études remboursable conformément aux dispositions du présent arrêté. Toutefois, lorsque le bénéficiaire de la bourse respecte le contrat, il ne la rembourse pas. <u>Section 4 : Institution financière</u> <u>Article 27 : Attributions de l'institution financière</u> L'institution financière a les attributions suivantes : (a) gérer les prêts d'études et les bourses ;
--	---	--

(b) gutangira ku gihe inguzanyo zo kwiga na buruse; (c) kwishyuza inguzanyo zo kwiga, no kwishyuza buruse iyo bibaye ngombwa; (d) gutanga ibyemezo bijyanye n'inguzanyo zo kwiga na buruse; (e) gushyikiriza Ikigo raporo y'umwaka ku mikoreshereze y'amafaranga y'inguzanyo zo kwiga na buruse; (f) kugeza raporo y'igenzura ku mukoresha cyangwa ku muntu ryakorewe. <u>Ingingo ya 28: Uburenganzira bw'ikigo cy'imari</u> Ikigo cy'imari gifite uburenganzira bukurikira: (a) gusaba no guhabwa amakuru n'uwahawe inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse, inzego za Leta cyangwa iz'abikorera cyangwa n'undi wese waba afite amakuru ku wabihawe;	(b) to disburse on time study loans and bursaries; (c) to recover the study loans, and recover bursaries where necessary; (d) to issue certificates related to study loans and bursaries; (e) to submit to the Institution an annual report on utilisation of funds allocated for study loans and bursaries; (f) to deliver the inspection report to the inspected employer or individual. <u>Article 28: Rights of the financial institution</u> The financial institution has the following rights: (a) to request and obtain information from the beneficiary of a study loan or bursary, public or private institutions or any other person having information on the beneficiary;	(b) déboursier à temps les prêts d'études et les bourses ; (c) recouvrer les prêts d'études, et recouvrer les bourses lorsqu'il est nécessaire ; (d) délivrer des certificats relatifs aux prêts d'études et aux bourses ; (e) soumettre à l'Institution un rapport annuel sur l'utilisation des fonds alloués aux prêts et bourses d'études ; (f) remettre le rapport d'inspection à l'employeur ou à la personne inspectée. <u>Article 28 : Droits de l'institution financière</u> L'institution financière a les droits suivants : (a) demander et obtenir des informations auprès du bénéficiaire d'un prêt d'études ou d'une bourse, des institutions publiques ou privées ou de toute autre personne disposant d'informations sur le bénéficiaire ;
--	---	--

(b) gukora igenzura ry'iyishyuzwa ry'inguzanyo yo kwiga, iyo bibaye ngombwa, nyuma yo kubimenyesha mu nyandiko umukoresha mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera n'uwahawe inguzanyo yo kwiga iyo yikorera, hasigaye nibura iminsi irindwi y'akazi ngo igenzura rikorwe. (c) kwishyuzwa inguzanyo yo kwiga, nyuma y'igenzura iyo bibaye ngombwa, kandi nyuma yo kubimenyesha mu nyandiko umukoresha mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera cyangwa uwahawe inguzanyo yo kwiga iyo yikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi n'amahanga bikorera mu Rwanda.	(b) to carry out the inspection on the recovery of study loan, when necessary, after informing in writing the employer in public or private institutions and the beneficiary of the study loan when he or she is a self-employed worker, at least seven working days before the inspection; (c) to carry out the recovery of study loan, when necessary after the inspection, and after informing in writing the employer in public or private institutions or the beneficiary of the study loan when he or she is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda.	(b) faire l'inspection sur le recouvrement du prêt d'études lorsqu'il est nécessaire, après avoir informé, par écrit, l'employeur au sein des institutions publiques ou privées et le bénéficiaire du prêt d'études lorsqu'il est travailleur indépendant, au moins sept jours ouvrables avant l'inspection; (c) faire le recouvrement du prêt d'études, lorsqu'il est nécessaire après l'inspection, et après avoir informé, par écrit, l'employeur au sein des institutions publiques ou privées ou le bénéficiaire du prêt d'études lorsqu'il est travailleur indépendant ou travaille à l'étranger, ou travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda.
<u>Ingingo ya 29:</u> Amasezerano n'ikigo cy'imari (1) Uwahawe inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse agirana amasezerano n'ikigo cy'imari. (2) Ikigo cy'imari kigena ibigize amasezerano y'inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse.	<u>Article 29:</u> Agreement with the financial institution (1) The beneficiary of a study loan or bursary signs an agreement with the financial institution. (2) The financial institution determines the content of the study loan or bursary agreement.	<u>Article 29</u> : Contrat avec l'institution financière (1) Le bénéficiaire du prêt d'études ou de la bourse conclut un contrat avec l'institution financière. (2) L'institution financière détermine le contenu du contrat de prêt d'études ou de bourse.

<u>Ingingo ya 30:</u> Amafaranga y'ikiguzi cy'uburezi	<u>Article 30:</u> Fees for cost of education	<u>Article 30 :</u> Frais du coût de l'éducation
(1) Ku munyeshuri wiga mu Rwanda, ikigo cy'imari gishyira inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse by'ikiguzi cy'uburezi kuri konti ya banki y'ishuri rikuru umunyeshuri yigamo mbere y'itangira rya buri gihembwe cy'umwaka w'amashuri makuru, hashingiwe ku nyemezabwishyu y'ikigo cy'ishuri. (2) Ku munyeshuri wiga mu mahanga, ikigo cy'imari gishyira inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse by'ikiguzi cy'uburezi kuri konti ya banki y'ibiro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda kugira ngo bibyohereze kuri konti ya banki y'ishuri rikuru umunyeshuri yigamo mbere y'uko umwaka w'amashuri makuru utangira muri icyo gihugu kimaze kubona inyemezabwishyu y'ishuri rikuru. (3) Mu gihugu u Rwanda rudafitemo ibiro by'ububanyi n'amahanga, ikigo cy'imari gishyira inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse by'ikiguzi cy'uburezi	(1) For a learner studying in Rwanda, the financial institution deposits the study loan or bursary for the cost of education on the bank account of the learner's institution of higher learning before the beginning of each term of the academic year, based on an invoice from the institution of higher learning. (2) For a learner studying abroad, the financial institution deposits the study loans or bursary for the cost of education on the bank account of the Rwanda diplomatic mission in order to transfer it to the bank account of the learner's institution of higher learning before the beginning of the academic year in that country, upon receiving an invoice from the institution of higher learning. (3) In a country where Rwanda has no diplomatic mission, the financial institution deposits the study loan or bursary for the cost of education on the	(1) Pour un apprenant qui étudie au Rwanda, l'institution financière dépose le prêt d'études ou la bourse destinés au coût de l'éducation sur le compte bancaire de l'établissement d'enseignement supérieur du bénéficiaire avant le début de chaque trimestre de l'année académique, sur base d'une facture de l'établissement d'enseignement supérieur. (2) Pour un apprenant qui étudie à l'étranger, l'institution financière dépose le prêt d'études ou la bourse destinés au coût de l'éducation sur le compte bancaire de la mission diplomatique du Rwanda, afin d'être transféré sur le compte bancaire de l'établissement d'enseignement supérieur du bénéficiaire avant le début de l'année académique dans ce pays, après réception d'une facture de l'établissement d'enseignement supérieur. (3) Dans un pays où le Rwanda n'a pas de mission diplomatique, l'institution financière dépose le prêt d'études ou la bourse destinés au coût de l'éducation

kuri konti ya banki y'ishuri rikuru umunyeshuri yigamo mbere y'uko umwaka w'amashuri makuru utangira muri icyo gihugu kimaze kubona inyemezabwishyu y'ishuri rikuru.	bank account of the learner's institution of higher learning before the beginning of the academic year in that country upon receiving an invoice from the institution of higher learning.	sur le compte bancaire de l'établissement d'enseignement supérieur du bénéficiaire avant le début de l'année académique dans ce pays après réception d'une facture de l'établissement d'enseignement supérieur.
<u>Ingingo ya 31: Amafaranga y'imibereho</u> (1) Ku munyeshuri wiga mu Rwanda, ikigo cy'imari gishyira amafaranga y'imibereho kuri konti ya banki ye buri kwezi, buri mezi abiri cyangwa buri mezi atatu y'umwaka w'amashuri makuru. (2) Ku munyeshuri wiga mu mahanga, ikigo cy'imari gishyira amafaranga y'imibereho kuri konti ya banki y'ibiro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda kugira ngo biyohereze kuri konti ya banki y'umunyeshuri, buri kwezi, buri mezi abiri cyangwa buri mezi atatu y'umwaka usanzwe. (3) Mu gihugu u Rwanda rudafitemo ibiro by'ububanyi n'amahanga, ikigo cy'imari gishyira amafaranga y'imibereho kuri konti ya banki y'umunyeshuri buri kwezi, buri mezi	<u>Article 31: Living allowance</u> (1) For a learner studying in Rwanda, the financial institution deposits living allowance on his or her bank account, every month or every two months or every three months of the academic year. (2) For a learner studying abroad, the financial institution deposits living allowance on the bank account of the Rwanda diplomatic mission, in order to transfer it to the learner's bank account, every month or every two months or every three months of the calendar year. (3) In a country where Rwanda has no diplomatic mission, the financial institution deposits living allowance on the learner's bank account every	<u>Article 31 : Frais de subsistance</u> (1) Pour un apprenant qui étudie au Rwanda, l'institution financière dépose les frais de subsistance sur son compte bancaire, chaque mois ou chaque deux mois ou chaque trois mois de l'année académique. (2) Pour un apprenant qui étudie à l'étranger, l'institution financière dépose les frais de subsistance sur le compte bancaire de la mission diplomatique du Rwanda, afin de les transférer sur le compte bancaire de l'apprenant, chaque mois ou chaque deux mois ou chaque trois mois de l'année civile. (3) Dans un pays où le Rwanda n'a pas de mission diplomatique, l'institution financière dépose les frais de subsistance sur le compte bancaire de l'apprenant chaque mois ou chaque

abiri cyangwa buri mezi atatu y'umwaka usanzwe. <u>Ingingo ya 32: Amafaranga y'ubushakashatsi, ay'urugendo n'andi agenerwa umunyeshuri</u> Amafaranga y'ubushakashatsi, ay'urugendo n'andi umunyeshuri agenerwa, ayahabwa mu gihe no mu buryo biteganywa mu ibaruwa ahabwa na Minisiteri imwemerera inguzanyo yo kwiga cyangwa buruse. <u>Ingingo ya 33: Ihagarikwa ry'inguzanyo yo kwiga na buruse</u> Ikigo cy'imari gishobora guhagarika inguzanyo yo kwiga na buruse by'agateganyo cyangwa burundu ku mpamvu no mu buryo biteganywa mu masezerano yakozwe hagati y'umunyeshuri n'ikigo cy'imari. <u>Ingingo ya 34: Uburenganzira ku makuru</u> (1) Uwahawe inguzanyo yo kwiga afite uburenganzira bwo guhabwa n'ikigo cy'imari amakuru yerekeranye n'inguzanyo yo kwiga yahawe, harimo ingano yayo, uburyo azayishyura cyangwa iyo asigaje kwishyura, ibihano biteganyijwe igihe atubahirije amasezerano n'andi makuru yakenera.	month or every two months or every three months of the calendar year. <u>Article 32: Research, transport and other allowances</u> Learner's research, transport and other allowances are disbursed within timelines and conditions provided for in the study loan or bursary confirmation letter issued by the Ministry. <u>Article 33: Suspension of study loan and bursary</u> The financial institution may suspend or terminate the study loan and bursary in accordance with conditions and procedure provided for in the agreement signed between the learner and the financial institution. <u>Article 34: Right to information</u> (1) The beneficiary of a study loan has the right to information from the financial institution on the study loan granted to him or her, including its amount, repayment modalities, the outstanding balance, penalties in case of non-compliance with the agreement and other information he or she may	deux mois ou chaque trois mois de l'année civile. <u>Article 32 : Frais de recherche, de transport et d'autres allocations</u> Les frais de recherche, de transport et d'autres allocations accordées à un apprenant sont déboursés dans les délais et conditions définies dans la lettre de confirmation de prêt d'études ou de bourse délivrée par le Ministère. <u>Article 33 : Arrêt du prêt d'études et de la bourse</u> L'institution financière peut suspendre ou arrêter le prêt d'études et la bourse pour des raisons et selon les modalités prévues dans le contrat conclu entre l'apprenant et l'institution financière. <u>Article 34 : Droit à l'information</u> (1) Le bénéficiaire d'un prêt d'études a le droit d'obtenir de l'institution financière des informations sur le prêt d'études lui accordé, y compris son montant, les modalités de remboursement, le solde restant dû, les pénalités en cas de non-conformité au contrat et toute autre information dont
--	---	---

(2) Uwahawe buruse afite uburenganzira bwo guhabwa n'ikigo cy'imari amakuru yerekeranye na buruse yahawe, harimo ingano yayo, uburyo azayihabwa, ibihano biteganyijwe igihe atubahirije amasezerano n'andi makuru yakenera.	require. (2) The beneficiary of a bursary has the right to information from the financial institution on the bursary allocated to him or her, including its amount, disbursement modalities, penalties in case of non-compliance with the agreement and other information he or she may require.	il pourrait avoir besoin. (2) Le bénéficiaire d'une bourse a le droit d'obtenir de l'institution financière des informations sur la bourse lui accordée, y compris son montant, les modalités de versement, les pénalités en cas de non-conformité au contrat et toute autre information dont il pourrait avoir besoin.
<u>Ingingo ya 35:</u> Inyandiko y'igenzura	<u>Article 35:</u> Inspection note	<u>Article 35 :</u> Note d'inspection
Ikigo cy'imari gikora inyandiko y'igenzura iyo imenyekanisha ritakozwe, iyo ririmo amakosa, iyo amafaranga agombwa atishyuwe.	The financial institution makes an inspection note when there is no declaration, when there is false declaration, when there is no repayment of due amount.	L'institution financière établit une note d'inspection lorsqu'il n'y a pas de déclaration, lorsqu'il y a une fausse déclaration, lorsque le montant dû n'est pas payé.
<u>Ingingo ya 36:</u> Inkurikizi yo kudakora imenyekanisha cyangwa kutishyura inguzanyo yo kwiga ku gihe	<u>Article 36:</u> Effects of failing to declare or to repay the study loan on time	<u>Article 36 :</u> Effets de non déclaration ou de non-paiement de prêt d'études à temps
(1) Iyo uwahawe inguzanyo yo kwiga wikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi n'amahanga bikorera mu Rwanda atamenyekanishije cyangwa ngo yishyure inguzanyo yo kwiga ku gihe, ikigo cy'imari kibimumenyeshya mu nyandiko imusaba kwishyura inguzanyo yo kwiga hiyongereyeho ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	(1) When a study loan beneficiary who is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda fails to declare or to repay the study loan on time, the financial institution sends him or her a written notification requesting him or her to repay the study loan together with an administrative fine and late payment	(1) Lorsque le bénéficiaire du prêt qui est un travailleur indépendant ou qui travaille à l'étranger, ou qui travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda ne déclare pas ou ne paie pas le prêt d'études à temps, l'institution financière lui envoie une notification écrite lui demandant de rembourser le prêt d'études avec une amende administrative et les intérêts

n'inyungu z'ubukererwe mu gihe kitarenze iminsi 15 y'indangaminsi uhereye ku munsu yayakiriyeho. (2) Iyo umukoresha atakoze imenyekanisha cyangwa atishyuye ku gihe amafaranga yo kwishyura inguzanyo yo kwiga yakase umukozi, ikigo cy'imari kibimumenyesha mu nyandiko imusaba kwishyura inguzanyo yo kwiga hiyongereyeho ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'inyungu z'ubukererwe mu gihe kitarenze iminsi 15 y'indangaminsi uhereye ku munsu yayakiriyeho. (3) Inyandiko isaba kwishyura yoherezwa kuri aderesi y'uwahawe inguzanyo yo kwiga iyo yikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi n'amahanga bikorera mu Rwanda cyangwa iy'umukoresha, cyangwa kuri imeyili zabo. (4) Inyandiko ivugwa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo ifite agaciro k'inyandikompesha. icyakora, iyo umukoresha cyangwa uwahawe inguzanyo yo kwiga wikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi	interests in a period not exceeding 15 calendar days from its reception.; (2) When an employer fails to declare or to repay the amount deduct from the salary of the employee for repayment of study loan on time, the financial institution sends him or her a written notification requesting him or her to repay the study loan together with an administrative fine and late payment interests in a period not exceeding 15 calendar days from its reception. (3) The notification is sent to beneficiary's address who is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda or the address of the employer or to their respective e-mails. (4) The notification mentioned in Paragraphs (1) and (2) of this Article has the value of an enforcement order. However, when an employer or a study loan beneficiary who is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions	de retard dans une période n'excédant pas 15 jours calendriers à partir de sa réception ; (2) Lorsque l'employeur ne déclare pas ou ne paie pas la somme déduit du salaire de l'employé pour le remboursement du prêt d'études à temps, l'institution financière lui envoie une notification écrite lui demandant de rembourser le prêt d'études avec une amende administrative et les intérêts de retard dans une période n'excédant pas 15 jours calendriers à partir de sa réception. (3) La notification est envoyée à l'adresse du bénéficiaire du prêt qui est un travailleur indépendant ou qui travaille à l'étranger, ou qui travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda ou à l'adresse de l'employeur ou à leurs courriels électroniques respectif. (4) La notification mentionnée aux paragraphes (1) et (2) du présent article a la valeur d'un titre—exécutoire. Toutefois, lorsque l'employeur ou le bénéficiaire du prêt d'études qui est un travailleur indépendant ou qui travaille à l'étranger, ou qui travaille avec des
---	--	--

n'amahanga bikorera mu Rwanda agaragaje ubushake bwo kwishyura nyuma yo guhabwa inyandiko imusaba kwishyura, ashobora gusaba kwishyura mu byiciro.	operating in Rwanda expresses willingness to repay after receiving the notification, he or she may request to repay in instalments.	institutions diplomatiques opérant au Rwanda exprime la volonté de payer après avoir reçu la notification, il peut demander de payer en tranches.
<u>Ingingo ya 37: Inyungu z'ubukererwe</u> (1) Uwahawe inguzanyo yo kwiga cyangwa umukoresha utishyuye inguzanyo yo kwiga ku gihe, yishyura inyungu z'ubukererwe zingana na 1,5% by'amafaranga agomba kwishyurwa kuri buri kwezi k'ubukererwe. (2) Inyungu z'ubukererwe zibarwa uhereye ku munsu uwahawe inguzanyo yo kwiga yatangiriyeho akazi cyangwa igihe uwahawe inguzanyo uvugwa mu ngingo ya 22 y'iri teka yashyiriye umukono ku masezerano yo kwishyura. (3) Iyo umubare w'iminsi y'ubukererwe utageze ku kwezi, iyo minsi ifatwa nk'ukwezi kose.	<u>Article 37: Late payment interests</u> (1) A study loan beneficiary or an employer who fails to repay the study loan on time, pays a late payment interests of 1.5% of the due amount for each month of late payment. (2) Late payment interest is calculated from the date the study loan beneficiary commenced the work or when the loan beneficiary referred to in Article 22 of this Order signed the payment contract. (3) When the number of days of late payment is less than a month, they are considered as a full month.	<u>Article 37 : Intérêts de retard</u> (1) Le bénéficiaire du prêt d'études ou l'employeur qui ne rembourse pas le prêt d'études à temps, paie les intérêts de retard de 1,5% du montant dû pour chaque mois de retard. (2) Les intérêts de retard sont calculés à partir de la date du commencement de l'emploi par bénéficiaire du prêt d'études ou à partir de la signature du contrat de paiement par le bénéficiaire du prêt visé à l'article 22 du présent arrêté. (3) Lorsque le nombre des jours de retard est inférieur à un mois, ils sont considérés comme un mois entier.
<u>Ingingo ya 38: Gusiba inguzanyo yo kwiga</u> Ikigo cy'imari gisiba mu bitabo by'ibaruramari ibirarane by'inguzanyo yo	<u>Article 38: Writing off a study loan</u> The financial institution writes off from books of accounts study loan arrears, upon approval	<u>Article 38 : Radiation du prêt d'études</u> L'institution financière radie dans les livres comptables les arriérés de prêt d'études, sur

kwiga, bimaze kwemezwa na Minisiteri, kubera impamvu zikurikira: (a) iyo inguzanyo yo kwiga idashobora kwishyurwa kubera impamvu zisobanutse; (b) iyo amafaranga kizakoresha mu kwishyurwa inguzanyo yo kwiga aruta ayishyuzwa; (c) iyo cyakoresheje uburyo bwose bwo kwishyurwa buteganywa n'amategeko; (d) ubumuga buhoraho bw'uwahawe inguzanyo yo kwiga bwemejwe n'urwego rubifitiye ububasha; (e) urupfu rw'uwahawe inguzanyo yo kwiga rwemejwe n'urwego rubifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 39: Amakosa yerekeranye n'inguzanyo yo kwiga n'ibihano byayo</u> (1) Uwahawe inguzanyo yo kwiga utamenyesha umukoresha ko yigiye ku nguzanyo kugira ngo yishyurwe ku mushahara we, udakora imenyekanisha cyangwa utishyura	of the Ministry, for the following grounds: (a) when the study loan cannot be reimbursed for justified reasons; (b) when the amount to be used by the financial institution to recover the study loan is more than the due amount; (c) when the financial institution has exhausted all legal means of recovery; (d) permanent incapacity of the study loan beneficiary ascertained by the competent authority; (e) death of the study loan beneficiary confirmed by the competent authority. <u>Article 39: Faults and sanctions relating to the study loan</u> (1) A study loan beneficiary who does not inform the employer that he or she studied on a study loan for it to be deducted from his or her salary, or who fails to declare or to repay the study	approbation du Ministère, pour des raisons suivantes : (a) lorsque le prêt d'études ne peut pas être remboursé à cause des raisons justifiées ; (b) lorsque le montant à utiliser par l'institution financière dans le recouvrement du prêt d'études est supérieur au montant dû ; (c) lorsque l'institution financière a épuisé toutes les voies légales de recouvrement ; (d) l'incapacité permanente du bénéficiaire du prêt d'études constatée par l'autorité compétente ; (e) le décès du bénéficiaire du prêt d'études confirmé par l'autorité compétente. <u>Article 39 : Fautes et sanctions relatives au prêt d'études</u> (1) Un bénéficiaire du prêt d'études qui n'informe pas l'employeur qu'il a étudié grâce à un prêt d'études pour que celui-ci soit déduit de son salaire, ou qui ne déclare pas ou ne rembourse
--	--	---

inguzanyo yo kwiga ku gihe nta mpamvu ifatika iyo yikorera cyangwa ukorera mu mahanga, cyangwa ukorana n'ibigo by'ububanyi n'amahanga bikorera mu Rwanda abakoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 10% by'amafaranga agomba kwishyurwa. (2) Umukoresha udakora imenyekanisha, udakura amafaranga yagenewe kwishyura inguzanyo yo kwiga ku mushahara w'umukozi wahawe inguzanyo yo kwiga cyangwa uyakuraho ntayishyure ku gihe, abakoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 10% by'amafaranga agomba kwishyurwa.	loan on time when he or she is a self-employed worker or works abroad or works with diplomatic institutions operating in Rwanda, without justified reasons, commits a fault and is liable to an administrative fine of 10% of the due amount. (2) An employer who does not declare, or deduct the amount for study loan repayments from the salary of the employee who studied on a study loan, or who deducts it but does not pay it on time, commits a fault and is liable to an administrative fine of 10% of the due amount.	pas le prêt d'études à temps lorsqu'il est travailleur indépendant ou qui travaille à l'étranger, ou qui travaille avec des institutions diplomatiques opérant au Rwanda, sans raisons valables, commet une faute et est passible d'une amende administrative de 10% du montant dû. (2) Un employeur qui ne déclare pas ou ne retient pas le montant de remboursement du prêt d'études sur le salaire de l'employé qui a étudié grâce à un prêt d'études, ou qui le retient mais ne le paie pas à temps, commet une faute et est passible d'une amende administrative de 10% du montant dû.
UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA <u>Ingingo ya 40:</u> Kwishyura inguzanyo yo kwiga isanzweho Uwahawe inguzanyo yo kwiga mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa, guhera mu mwaka wa 1980, ayishyura akurikije amategeko n'amabwiriza byerekeranye n'inguzanyo yo kwiga byakurikizwaga igihe yayihabwaga.	CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS <u>Article 40:</u> Repayment of existing study loan A beneficiary of study loan before the coming into force of this Order, from 1980, repays it in accordance with laws, regulations and instructions relating to study loan in force at the time the beneficiary received the study	CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES <u>Article 40 :</u> Remboursement de prêt d'études en cours Un bénéficiaire du prêt d'études avant l'entrée en vigueur du présent arrêté, à partir de 1980, le rembourse conformément aux lois, au règlement et aux instructions relatifs au prêt d'études en vigueur au moment où il a reçu ce

<u>Ingingo ya 41:</u> Uburyo budateganywa mu mategeko asanzweho Uburyo bwo gutanga inguzanyo yo kwiga, ubwo kwishyura n'ubwo kwishyura budateganywa mu mategeko yari asanzweho butangira gukurikizwa nyuma y'amezi atandatu uherye ku muni iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. <u>Ingingo ya 42:</u> Ingingo y'ururimi Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 43:</u> Gutangira gukurikizwa Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	loan. <u>Article 41:</u> Modalities not provided for in existing legislation Modalities for granting study loan, for repayment and recovery that were not provided for in previous legislation apply after six months from the date of publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. <u>Article 42:</u> Language provision This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 43:</u> Entry into force This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	prêt d'études. <u>Article 41 :</u> Modalités non prévues dans la législation existante Les modalités d'octroi du prêt d'études, de remboursement et de recouvrement qui n'étaient pas prévues dans la législation antérieure s'appliquent après six mois à partir du jour de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda. <u>Article 42 :</u> Disposition linguistique Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 43 :</u> Entrée en vigueur Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	---	---

Kigali, 04/01/2023

(sé)

Dr UWAMARIYA Valentine

Minisitiri w'Uburezi
Minister of Education
Ministre de l'Éducation

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux